YEZU ATI: “NIMUBAHE IBYO KURYA MWEBWE UBWANYU” Mt 14, 16

Muri ibihe bitoroshye by’icyorezo cya Koronavirusi, turashimira abafatanyabikorwa bose batanze inkunga yo gufasha imiryango y’abaturage yagezweho n’ingaruka z’icyi cyorezo kugira ngo bongere bagarure icyizere cyo kubaho.

Ni muri urwo rwego dushimira Caritas Rwanda yatanze yatanze inkunga hirya no hino miu gihugu binyuze muri za Caritas z’amadiyosezi gatolika, harimo na Diyosezi ya Nyundo. Hafashijwe imiryango irenga 577 muri Diyosezi ya Nyundo Akarere k’Ubutumwa ka Gisenyi.

Kubera ubwinshi bw’abafite ibibazo by’imibereho muri iki gihe, hatoronijwe imiryango ibabaye cyane aba ariyo ihabwa ubwo bufasha. Kandi nk’uko Umwepiskopi wacu yabishishikarije abakristu hari n’ibindi bikiri gukusanywa hirya no hino muri Diyosezi bikozwe n’abakristu bita kuri bagenzi babo aho batuye bagasangira ibyo bafite.

Turashimira na none Umuryango Nyarwanda wita kubafite ubumuga (NUDOR) itewe inkunga na Fondation Liliane nayo yatanze inkunga y'ibiribwa n'amasabune bifite agaciro k'amafaranga 846700 byo gufasha imiryango 31 igizwe n'abantu 175 y'abana bafite ubumuga bo mu turere twa Rubavu na Rutsiro nayo yagezweho n'ingaruka z'icyorezo cya Koronavirusi. Iyo nkunga yaguzwemo ni Kawunga kg 350, umuceri kg 350, ibishyimbo kg 350 n'amasabune uduti 62.

Byose bikaba byarashyikirijwe iyo miryango 31 ku wa mbere tariki ya 6/4/2020 na Padiri Jean Paul RUTAKISHA, Umuyobozi wa Caritas Nyundo/Gisenyi afatanyije n'Ushinzwe gukurikirana abana bafite ubumuga Mlle Espérance MUJAWAMARIYA.

Abana bafite ubumuga n'ababyeyi babo barashimira cyane Caritas Nyundo na NUDOR bakomeje kubitaho muri ibihe bitoroshye turimo batewe n'icyorezo cya Koronavirusi.

MTN

Caritas Nyundo/Gisenyi irashimira umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, ukomeje gushishikariza abakristu kwita ku bababaye hamwe n'ubuyobozi bwite bwa Leta bwayibaye hafi kugira ngo inkunga ishobore gutangwa neza ku miryango y'abana bafite ubumuga.

Turakomeza gushima ubufatanye bwa Caritas Nyundo/Gisenyi n'abafatanyabikorwa bayo uburyo badahwema kumva ugutabaza ku munyantege nke. Imana isubize aho bakuye.

Turakomeza gushishakariza abaturage kwita kubo baturanye basaranganye ibyo bafite kugira ngo hatagira uburara. Yezu wazutse nakomeze atumurikire tubone hafi yacu ababaye kandi aduhe ibyo tubaramiza. Dukomeze kwirinda iki cyorezo dukurikiza amabwiriza duhabwa na Minisiteri y'Igihugu cyacu.

Mlle MUJAWMARIYA Espérance.
Umuhuzabikorwa w'ishami ry'imibereho myiza n'ubutabazi.